

Le texte ci-après se veut un appel aux Rwandais à rassembler leurs efforts afin de trouver une solution aux multiples problèmes que connaît le pays. Des ressources ainsi que des voies de sortie sont proposées.

IMPURUZA.

Banyarwanda, Banyarwandakazi, bavandimwe, igihugu cyacu kuva ku rwa Gasabo kugeza magingo aya, cyakomeje kugira ibibazo, nubwo hajyaga hacamo igihe cy'amahoro kuburyo byateye bamwe kuvuga ngo :

- Imana yirirwa ahandi igitaha i Rwanda
- U Rwanda ni igihugu cy'amahoro, ni paradizo
- Nta gihugu cyaruta u Rwanda
- Igihugu gitemba amata n'ubuki.

Nyamara ibibazo byaje guhindura isura guhera muri 1990 kugeza ubu. Ntabwo u Rwanda rwigeze rupfusha abantu cyangwa kugira impunzi nkuko bimeze kuva muri 1990. Ibyo bibazo byavutse icyo gihe bikaba bigikomeza bigomba gushakirwa umuti n'Abanyarwanda ubwabo, bakifashisha n'abandi bemeye kubatera inkunga. Ntabwo byumvikana ko ibibazo bimara imyaka igera kuri 15 ntagikorwa kigaragara ngo bibonerwe ibisubizo. Habuze iki ? Ni abantu ? Ni ubushake ? Ni uburyo ?

SI ABANTU BABUZE !

Imbere mu gihugu, ntabwo ari abategetsi bariho bazabibonera umuti kuko kuri bimwe aribo ba nyirabayazana, aribo babitera cyangwa babiteye ; abaturage nabo, nubwo rimwe narimwe bijujuta, nta mbaraga n'uburyo bafite ubu, nubwo umuntu atakwiheba.

Hanze y'u Rwanda, abo muri Afurika, cyane abo mu makambi, bazitiwe n'amikoro make na politiki y'ibihugu barimo, ariko rero aho bari ntibacecetse, bakora icyo bashoboye bakurikije imbaraga bafite.

Mu yandi mahanga, abantu bagombye gufatikanya no kungurana ibitekerezo barahari :

- ba minisitiri b'intebe batatu : Disimasi NSENGIYAREMYE, Fawustini TWIGIRAMUNGU na Petero Celestini RWIGEMA ;
- ba Perezida w'inteko ishingira amategeko babiri : Tadeyo BAGARAGAZA na Yozefu SEBARENZI ;
- ba ministiri batabarika : Andereya SEBATWARE, Kiriyo fasi KANYARWANDA, Shingiro MBONYUMUTWA, Fransisko NGARUKIYINTWARI, Karoli NKURUNZIZA, Fawusitini MUNYAZESA, Gemusi GASANA, Fransisko NZABAHIMANA, Enoki RUHIGIRA, Gaspari RUHUMULIZA, Siriyani MBONIMPA, Viyani NDAGIJIMANA, Dogiteri Placide, Yohani Batista NKURIYINGOMA, Jenerali HABYARIMANA, Sebatware PANDA, Tewobaldi RWAKA ;
- ba ambassaderi : Inyasi MUNYESHYAKA, Yohani Mariya Viyane NDAGITIMANA , Inyasi KARUHIJE, Faransisiko NGARUKIYINTWARI, Sipiriyani MBONIMPA, Kirisitofori MFIZI, Silivesitiri UWIBAJIJE n'abandi
- ba perefere : Jemusi KABERA, Inyasi KARUHIJE, Tewobalidi RUTIHUNZA ;
- ba depite : Deus KAGIRANEZA, Valensi KAJEGUHARWA, Bonifasi USHENGGEYE , ...
- ba burugumestri, ba konseye n'abandi banyapolitiki b'ingeri zose ;
- abanyamakuru: Yohani Mariya HIGIRO, Venusiti NSHIMIYIMANA, Yusufu MUGENZI, Faransisko NSENGIYUMVA, Fokasi FASHAHO, Balitazari NDUWAYEZU, Agustini TWAGIRAYEZU, Stefano KAREKEZI, Viyateri NKUNDIBIZA, Dewo MUSHAYIDI, Klode NKUBITO;

- impuguke nka NYETERA, Dogiteri BANYAGA, KAMONGI, Profeseri NTAMPAKA Karoli, Profeseri Alegizanderi KIMENYI, Dogiteri NKIKO Yohani, Dogiteri Lawuriyani NTEZIMANA, Madamu Monika MUJAWAMARIYA, Refaniya BYILINGIRO, Karoli NDEREYEHE, Joramu MUSHIMIYIMANA, karara KARANI, Dogiteri Ewugeni SHIMAMUNGU; Dogiteri Evodi TWAGIRAYEZU;
- abasirikare bakuru: Jenerari RUSATIRA na HABYARIMANA, ba Koloneli MUSONERA, RUTAYISIRE, KAYUMBA, NDENGEYINKA, NIYONSABA, NZAPFAKUMUNSI, Majoro TWAMBAZE n’abandi
- abanyemari b’ingeri zose kuva ku masosiyete y’ubwoko bwose kugeza ku badandaza;
- abihaye Imana: abasenyeri , abapadiri, abafurere, abapasitoro, ababikira;
- abahoze ari abakozi mu zindi nzego zinyuranye za Leta n’abandi banyarwanda bakeneye kandi biteguye gutanga umuganda wabo ku bibazo bireba igihugu cyacu.

SI UBUSHAKE BWAVUZE.

Hari abantu bagerageje gukoma imbarutso, bonyine cyangwa bafatanije n’abandi, kugirango bashakire umuti ibibazo by’u Rwanda. Uretse amashyaka yatangiye muri 90-92, twavuga amwe n’amwe yavukiye mu buhungiro nka:

- RDR n’abayobozi bayo: Vigitoriya INGABIRE, Karoli NDEREYEHE, Stanisilasi NIYIBIZI na Faransisko NZABAHIMANA;
- FRD ya nyakwigendera Seti SENDASHONGA, Fawustini TWAGIRAMUNGU, Ewugeni NDAHAYO, Viyane NKEZABERA, Yohani Batista NKURIYINGOMA, Sigisiberi MUSANGAMFURA na Yohani wa Mungu TULIKUMANA;
- UDR ya NSENGIYAREMWE Disimasi na Eniyasi GAKUSI
- ARENA ya Dogiteri KIMENYI Alegizanderi, KAMONGI na Yozefu SEBARENZI;
- ADR ya Dogiteri MBERABAHIZI, FURUMA na Sigiberi MUSANGAMFURA;
- IMBAGA Y’INYABUTATU ya Dogiteri NDAHIMANA Yosefu na Jakeline KAMALI;
- COSAR ya Alubereti RUKERINTARE;
- FDLR ya Dogiteri MURWANASHYAKA Inyasi, Dogiteri HIGIRO Yohani Mariya Viyane, Dogiteri KANYAMIBWA na Dogiteri HAKIZIMANA Emanweli;
- IGIHANGO cya Valensi KAJEGUHAKWA;
- MDR ya Yohani Mariya Viyane NKEZABEKA;
- PDN ya Dewo MUSHAYIDI, Deus KAGIRANEZA, Jerari KARANGWA na RWIGEMA Petero Selestini
- CONGRES NATIONAL INTEKO ya Jenerali HABYARIMANA na Koloneli NDENGIYINKA.

Havutse kandi n’amashyirahamwe agamije umuco cyangwa gutanga ibitekerezo; twavuga nka:

- SOFRADI ya padiri Stani MUBILIGI;
- FEDA n’IKIREZI bya Ewujeni NAHIMANA;
- INYANGE za Shantali NYANDWI;
- AFRIBEL ya METUSERA;
- TUBEHO ya Bonifasi RUTAYISIRE;
- AVE ya Lawuriyani NTEZIMANA;
- CLIIR ya Yosefu MATATA;
- LIPRODHOR ya Noheli TWAGIRAMUNGU na Tewonesiti HABIMANA.

Twakangeraho na Radiyo Amani- Amahoro, VOA na BBC zo mu kinyarwanda, Dialogue, Umwezi, Umuseso, Ijwi ry’umuhanuzi, Inzira ndende, n’ibindi...

SI UBURYO BWABUZE.

Uretse ko abanyemari bari imbere mu gihugu bafite ingorane mu kugira icyo bamalira abafite ubushake cyangwa abatinyuka kugira icyo bakora mu gushakisha umuti ku bibazo bibabangamiye, abari hanze bisuganije bagira icyo bageraho gisumbye kure igemeru y'ibigori !

Ndemeza rwose ko Abanyarwanda bari mu mahanga, uretse abakiri mu mashyamba cyangwa mu makambi aho babuzwa amahwemo, bafite uburyo bwo kugera kucyo bifuzwa bibaye ngombwa:

- abanyemari bakomeje gushakisha kandi bageze ku ntera ishobora gutera icyizere;
- bamwe mu mpunzi z'Abanyarwanda barakora, haba muri Leta cyangwa abikorera kugiti cyabo;
- abatunzwe n'imfashanyo nabo ntabwo bakwibuririza, icyangombwa ni ubushake n'ibiyumviro;
- abagiraneza n'abandi biteguye gufasha abifashije, nabo ntibabuze, icyangombwa ni ukubegera ufite umugambi(projet) ugaragara kandi ufatitse.

NONE HABUZE IKI

Habuze ugusesengura (analyse), habuze ingamba (stratégies), habuze ubushake(volonté), habuze ubufatanye (solidarité), habuze ubwitange (dévouement, détermination et sacrifice).

- HABUZE UGUSESENGURA

Mu ngorane igihugu cyacu gifite, hagomba ubushishozi n'ugusesengura bihagije kuko ibibazo by'u Rwanda rufite ni insobekerane(complexes) : ironzakoko, ironzakarere, ikibazo cy'ubutabera, icy'ubukungu, icy'ubutegetsi, icy'imibereho myiza yabaturage, byose bifitanye isano. Ni ngombwa kubisesengura kuburyo bugaragara, bufite ireme, bushingiye ku bimenyetso bifatika kandi byakwemerwa na benshi.

Ikigomba kwitonderwa ni ukutibeshya ku mpamvu zitera ibyo bibazo no k'uwo muhanganye (adversaire). Ngirango habaye iryo sesengura risesuye, ntabwo abagerageje gushinga amashyamba bahangana, cyangwa ngo Abanyarwanda bo hanze birirwe biyitana ba mwana, bahugiye mu mashyamba, mu ironzakarere n'ironzakoko mu byo bakora byose !

- HABUZE INGAMBA

Mu gikorwa icyaricyo cyose, cyane cyane ikireba igihugu n'abagituye, hagomba ingamba zihamye : umugambi unonosoye (projet de société) urimo ibice bigaragara, uburyo uzashyirwa mu bikorwa, gahunda y'ingengabihe (moyens et plan de mise en exécution) ukurikije uko ibice bigize uwo mugambi birutanwa n'uko byihutirwa (priorisation), gukangurira no kwigisha abo muzafatanyaga mu kurangiza uwo mugambi(mobilisation et éducation).

Abanyarwanda b'ingeri zose bagize igitekerezo cyo gushyiraho ashyirahamwe bigumiye muri kapitali, kuri internet no mu nshuti zabo bibagirwa kumanuka ngo begere abandi, babamenyeshe kandi babasobanurire imigabo n'imigambi yabo (umwana aprofira mu iterura !).

Ntagitangaje rero kubona nyuma y'imyaka irenga icumi ntakiragerwaho kigaragara, gifatika.

Ikindi kandi ngo isuri isambira byinshi igasohozaga bike : ni ngombwa gukora bike byiza kandi neza, mu bushishozi, nta muvuduko ukabije, ushyirira ibikorwa imbere y'amagambo.

- HABUZE UBUSHAKE

Bamwe mu Banyarwanda bati : « Nageze iyo njya ! » ; abandi bati : « Ntacyo nibagiriwe mu Rwanda ! » ; abandi bati : « Nta mwanya ndwanira ! » ; abandi bati : « Nzakurikira abandi, nibataha nanjye nzataha » ; abandi bati : « Twabuze umulideri (leader) » ; abandi bakibera ba « Rutemayeze ».

Ibyo byose rero nta shingiro bifite : abageze iyo bajya baribeshya kuko byanze bikunze bazakomeza kuba Abanyarwanda (umwanzi arakaba impunzi !). Kuvuga ko ntacyo wibagiriweyo ntabwo aribyo kuko hakiriyo ababyeyi, abavandimwe n'inshuti, ubuto bwawe n'umuco wawe. Naho kurwanira umwanya, niba se utanze umuganda wawe mugucyemura ibibazo by'igihugu cyacu, kuki uwo mwanya utawuharanira niba ufite uburyo n'ubushobozi ? Naho rero abakurikira abandi butama, cyangwa ba « Rutemayeze », bahozeho kandi bazahoraho, « akami k'umuntu ni umutima we ». Icyo nabwira abo banyabushake buke, ni ukugira umutima nama, hatwo batazicuza ngo iyaba...

- HABUZE UBUFATANYE

Ku bibazo bikomeye nk'iby'igihugu cyacu cy'u Rwanda, ningombwa kubona ibisubizo bifite ireme, biturutse impande zose kandi bihamye (aux grands maux, de grands remèdes). Kugirango bigerweho, inkunga, ingufu n'ubwumvikane bya bese cyangwa bya benshi biracyenewe. Ariko kandi gutahiliza umugozi umwe ntabwo bivugaga kuba mu ishyirahamwe cyangwa ishyamba rimwe ! Ubufatanye tuvugaga ni uguhuliza hamwe imbaraga n'ibitekerezo mucyo twakwita'' Urugaga cyangwa ihuriro,, (alliance, Front, Forum), hakabaho porogaramu y'imigambi mike ihuriweho kandi yumvikanyweho n'imitwe yose (programme minimum commun), igomba gukorwa mu bihe binyuranye (à court, à moyen et à long termes) mu bwumvikane (en concertation) no mubwuzuzanye (en complémentarité) kandi hateganijwe isuzuma ry'uko imirimo igenda n'icyagezweho (évaluation) nta macenga cyangwa uburyarya.

- HABUZE UBWITANGE

Intambara ni nk'indi. Iyo uzi icyo ugamije, cyane amahoro, ubutabera, ukwishyira ukizana n'uburenganzira bwa muntu, ubwitange ningombwa, nta kubara, nta no gutegereza ko hari umuntu uzabiguhamo ituro (cadeau) kuko ibyo byose biharanirwa.

Mu bihugu byose byo ku isi, ahari ingoma y'igitugu, ningombwa ko habaho abatanga ibitekerezo byabo, igihe cyabo, imitungo yabo, urubyaro rwabo ndetse n'ubuzima bwabo kugirango demokarasi baharanira igerweho. Aho ibintu bigeze mu Rwanda, tugomba gukomeza gushyira imbere inzira zose zigamiye kubona umuti w'ibibazo by'igihugu cyacu nta maraso agombye kongera kumeneka kuko hamenutse menshi cyane bitari ngombwa ; ariko kandi hari igihe ibitambo bya demokrasi biba ngombwa.

Ngaho rero Banyarwanda, Banyarwandakazi, bavandimwe, tubateye akamo ; buri muntu ku giti cye yisuzume, arebe aho ahagaze maze atange umusanzu we atizigamye, afatanye n'abandi mu gukemura burundu cyangwa se nibura mu buryo burambye amakimbirane yakomeje kuranga igihugu cyacu, kuko byanze bikunze buri wese arebwa n'ingorane u Rwanda rurimo. Twese hamwe tuzatsinda.

Mu izina ry'abagize uruga rw'ibitekerezo

Par Michel NIYIBIZI

Octobre 2005.